RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 10-12 Werurwe



**P1. Rwamagana:** Habereye irushanwa ryo kwizihiza umunsi wa Commonwealth

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Rwamagana:** Habereye irushanwa ryo kwizihiza umunsi wa Commonwealth

P3 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 23 yagenze

P3 **Rugby:** Kigali Sharks yafashe umwanya wa gatatu

P4 RRA VC yegukanye ibikombe bibiri mu mikino y'Afurika y'abakozi muri Gambia

P4 **Handball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P5 **Sitting Volleyball:** Hamenyekanye amakipe azakina imikino ya nyuma

P6 **Cricket:** Charity CC yegukanye "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023

P7 **Basketball:** Uko imikino ya shamiyona yagenze

# **Rwamagana:** Habereye irushanwa ryo kwizihiza umunsi wa Commonwealth

Buri mwaka, ku wa Mbere wa kabiri w'ukwezi kwa Werurwe, ibihugu byose byibumbiye mu muryango w'ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza "Commonwealth" byizihiza umunsi wahariwe uyu muryango "Commonwealth Day".

Ku wa Mbere taliki 13 Werurwe 2023 ni bwo hizihijwe uyu munsi mu bihugu byo ku Isi hose.

Mu rwego rwo kwizihiza uyu munsi, taliki 11 na 12 Werurwe 2023, ishyirahamwe ry'imikino ya Commonwealth mu Rwanda "CGA-Rwanda", ryateguye irushanwa rya Basketball ikinwa n'abakinnyi 3 kuri 3 "3×3 Commonwealth Day Tournament 2023".

Iri rushanwa ryabereye muri GS St Aloys Rwamagana ryitabiriwe n'amakipe 10 y'ibigo by'amashuri yaturutse mu bice bitandukanye by'igihugu harimo amakipe 5 mu bakobwa n'andi 5 mu bahungu.

Mu kwizihiza uyu munsi, insanganyamatsiko yagiraga iti : "Twubake ejo hazaza mu buryo burambye kandi mu mahoro". Ibi bikaba bigaragaza ubushake bwo kwimakaza amahoro n' ubumwe binyuze muri siporo.

**Uko irushanwa ryagenze**

Iri rushanwa "3×3 Commonwealth Day Tournament 2023" ryitabiriwe n'amakipe 5 mu bakobwa ari yo ENDP Karubanda, ADEGI, ITS Kigali, ESB Kamonyi na GS St Aloys Rwamagana n'andi 5 mu bahungu ari yo GS St Aloys Rwamagana, GS Kabare, GS Gacuba II/A, GS St Marie Reine Kabgayi na GS Marie Reine Rwaza.

Muri buri cyiciro, amakipe yakinnye hagati yayo hanyuma 4 ya mbere akomeza muri 1/2 cy'irangiza.

Mu bakobwa, ikipe ya ENDP Karubanda yatsinze ITS Kigali amanota 13 kuri 6 naho ESB Kamonyi itsinda ADEGI amanota 16 ku 10. Ikipe ya ITS Kigali yegukanye umwanya wa 3 itsinze ADEGI amanota 13 kuri 7. Ku mukino, ikipe ya ESB Kamonyi yatsinze ENDP Karubanda amanota 16 kuri 13 ihita yegukana igikombe.

Mu bahungu, mu mikino ya ½ , ikipe ya GS St Marie Reine Kabgayi yatsinze GS St Aloys Rwamagana amanota 21 kuri 7 naho GS Marie Reine Rwaza itsinda GS Kabare amanota 22 kuri 21. Ikipe ya GS St Aloys Rwamagana yegukanye umwanya wa 3 itsinze GS Kabare amanota 15 kuri 14. Ikipe ya GS St Marie Reine Kabgayi ni yo yegukanye igikombe itsinze GS Marie Reine Rwaza amanota 21 kuri 20.

Amakipe atatu ya mbere yahawe imidali, ikipe ya mbere muri buri cyiciro ihabwa igikombe. Hanatanzwe kandi amakayi ndetse n'imipira ya Basketball yo gukina.

**Komeza kuri P.2**









# **Rwamagana:** Habereye irushanwa ryo kwizihiza umunsi wa Commonwealth








CGA Rwanda yageneye kandi ishimwe GS St Aloys Rwamagana kubera ibikorwa byo guteza imbere siporo muri rusange ndetse no kuba barakiriye iyi mikino.

Umuyobozi wa GS St Aloys Rwamagana, Furere Rudasingwa Camille yashimiye CGA Rwanda kuba barateguye iki gikorwa cyo guhuriza aba banyeshuri hamwe bagakina. Yasabye abitabiriye iyi mikino gukomeza gushyiramo imbaraga kuko mu minsi iri imbere mu Rwanda hazabera imikino ihuza amashuri ku rwego rw'Akarere k'Afurika y'Iburasirazuba kandi bagomba kuzahesha ishema igihugu.

Umuyobozi wa Tekinike mu ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda "FERWABA", Mutokambali Moise yatangaje ko uyu mukino wa 3×3 utamenyerewe cyane ariko ari umwe mu mikino ikinwa muri Commonwealth Games.

Yakomeje avuga ko abana bagaragaje ishyaka n'umukino mwiza byerekana ko bakomeje gutegurwa neza bazavamo abaserukira u Rwanda mu mikino mpuzamahanga irimo na Commonwealth Games.

Visi Perezida wa kabiri wa CGA Rwanda, Umutoni Salama yatangaje ko bishimiye uko igikorwa cyagenze. Yasabye aba bakinnyi kugira intego bakiga ariko banabihuza no gukina kugira ngo bazamure impano zabo.

Mu gusoza iki gikorwa, Meya w'Akarere ka Rwamagana, Mbonyumuvunyi Radjab na we yashimiye CGA Rwanda yongera gusaba aba banyeshuri gukomeza guharanira guhesha ishema igihugu birinda ibishobora gutuma batagera ku ntego zabo nk'ibiyobyabwenge n'ihindi.



# 3 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 23 yagenze

Taliki 10 kugeza 12 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa 23 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya APR FC yatsinze Marines FC ibitego 3-2, Kiyovu itsinda Etincelles FC ibitego 2-1 naho ikipe ya Rayon Sports inganya na AS Kigali igitego 1-1.

Imikino ya shampiyona yahise isubikwa kubera ikipe y'igihugu, ikaba izasubukurwa hakinwa iy'umunsi wa 25 taliki 31 Werurwe kugeza 02 Mata 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 10-03-2023**

- Rutsiro FC **4-0** Espoir FC
- Gasogi United **2-2** Rwamagana City

**Taliki 11-03-2023**

- Mukura **2-1** Sunrise FC
- Marines FC **2-3** APR FC
- Bugesera FC **2-1** Police FC

**Taliki 12-03-2023**

- Musanze FC **1- 0** Gorilla FC
- Etincelles FC **1-2** Kiyovu
- AS Kigali **1-1** Rayon Sports




| NO | TEAM | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 23 | 14 | 7 | 2 | 40 | 19 | 21 | 49 |
| 2 | KIYOVU SPORT | 23 | 14 | 5 | 4 | 37 | 25 | 12 | 47 |
| 3 | RAYON SPORT | 23 | 14 | 4 | 5 | 33 | 18 | 15 | 46 |
| 4 | AS KIGALI | 23 | 11 | 6 | 6 | 31 | 16 | 15 | 39 |
| 5 | GASOGI UNITED | 23 | 10 | 7 | 6 | 29 | 21 | 8 | 37 |
| 6 | POLICE FC | 23 | 11 | 3 | 9 | 29 | 23 | 6 | 36 |
| 7 | MUKURA VS | 23 | 10 | 4 | 9 | 31 | 23 | 8 | 34 |
| 8 | ETINCELLES FC | 23 | 9 | 7 | 7 | 30 | 31 | -1 | 34 |
| 9 | GORILLA FC | 23 | 9 | 4 | 10 | 21 | 21 | 0 | 31 |
| 10 | MUSANZE FC | 23 | 8 | 6 | 9 | 25 | 31 | -6 | 30 |
| 11 | BUGESERA FC | 23 | 7 | 7 | 9 | 22 | 22 | 0 | 28 |
| 12 | SUNRISE FC | 23 | 6 | 6 | 11 | 27 | 32 | -5 | 24 |
| 13 | RWAMAGANA CITY | 23 | 7 | 2 | 14 | 21 | 35 | -14 | 23 |
| 14 | RUTSIRO FC | 23 | 4 | 9 | 10 | 18 | 32 | -14 | 21 |
| 15 | MARINES FC | 23 | 4 | 4 | 15 | 27 | 43 | -16 | 16 |
| 16 | ESPOIR FC | 23 | 3 | 5 | 15 | 8 | 37 | -29 | 14 |

# **Rugby**: Kigali Sharks yafashe umwanya wa gatatu

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 11 Werurwe 2023 habaye imikino y'umunsi wa 9 ya shampiyona ya Rugby mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo "Rwanda Rugby League Season 2022-2023".

Ikipe ya Kigali Sharks RFC yitwaye neza itsinda Muhanga Thunders RFC iyambura umwanya wa gatatu ku rutonde rusange.

Uyu mukino wabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru, ikipe ya Kigali Sharks RFC yatsinze Muhanga Thunders RFC amanota 17 kuri 12.
Nyuma yo gutsinda uyu mukino, ikipe ya Kigali Sharks RFC yahise ifata umwanya wa gatatu ku rutonde rusange iwukuyeho Muhanga Thunders RFC.

Undi mukino wabereye ku Kamonyi, ikipe ya Kamonyi Pumas RFC yatsinzwe na Thousand Hills RFC amanota 74-3. Umukino wagombaga guhuza ikipeya Lion de Fer RFC iyoboye urutonde rwa shampiyona na Resilience RFC y'i Rusizi ntabwo wakinwe kuko ikipe ya Resilience RFC itabonetse mu kibuga.

Nyuma y'imikino w'umunsi wa 9, ikipe ya Lion de Fer RFC ni yo ikomeje kuyobora urutonde rwa shampiyona by'agateganyo n'amanota 29, ku mwanya wa kabiri hari Thousand Hills RFC ifite amanota 24, Kigali Sharks RFC ku mwanya wa gatatu n'amanota 17, Muhanga Thunders RFC iri ku mwanya wa 4 n'amanota 16, ikipe ya Resilience RFC iri ku mwanya wa 5 n'amanota 8 naho Kamonyi Pumas RFC iri ku mwanya wa nyuma wa 6 aho nta nota na rimwe ifite.

Imikino ya shampiyona irimo kugenda igana ku musozo kuko hasigaye imikino y'umunsi wa 7 itarakiniwe igihe ndetse n'imikino y'umunsi wa nyuma wa 10. Iyi mikino bikaba biteganyijwe ko izakinwa mu byumweru bibiri biri ibere.

**Uko imikino yagenze**

- Kamonyi Pumas RFC **03-74** Thousand Hills RFC
- Kigali Sharks RFC **17-12** Muhanga Thunders RFC



## **RRA VC** :yegukanye ibikombe bibiri mu mikino y'Afurika y'abakozi muri Gambia

Taliki 09 kugeza 12 Werurwe 2023 i Banjul muri Gambia habereye imikino y'Afurika y'abakozi itegurwa n'ishyirahamwe ry'imikino y'Abakozi muri Afurika "Association du Sport Travailliste Africain (OSTA)".

Amakipe atatu ni yo yari yahagarariye u Rwanda ari yo, RBC FC mu mupira w'amaguru, RRA VC mu bagore na WASAC VC mu bagabo mu mukino wa Volleyball.

Ikipe ya RRA VC yitwaye neza yegukana ibikombe bibiri mu cyiciro cy'abakina ari 3 ndetse n'icyiciro cy'abakina ari 6. Iyi kipe yegukanye igikombe itsinze Gambia Police Force amaseti 3-0.
Ikipe ya WASAC VC mu bagabo yegukanye umwanya wa 2 mu bakina ari 3 aho yatsindiwe ku mukino wa nyuma na GAMTEL/GAMCELL amaseti 2-0.

Mu mupira w'amaguru, ikipe ya RBC FC mu bagabo yegukanye umwanya wa 2 nyuma yo gutsindwa na UCST PAD yo muri Senegal ibitego 2-1 ku mukino wa nyuma.








## **Handball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 11 na 12 Werurwe 2023 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo no mu bagore.

**Uko imikino yagenze**

**2023 MEN'S HANDBALL NATIONAL RESULTS (1ST DIVISION)**

MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIVISION 1

FIRST ROUND-DAY TWO RESULTS

| Date | Fixtures | | | Score | Pool | Venue |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Sunday 12.03.23 | VISION JN | vs | NYAKABANDA HC | 42-28 | 1 | RUBAVU (Court prep: Vision JN) |
| | NYAKABANDA HC | vs | POLICE HC | 20-60 | 1 | |
| | POLICE HC | vs | VISION JN | 53-26 | 1 | |
| **Date** | **Fixtures** | | | **Score** | **Pool** | **Venue** |
| Sunday 12.03.23 | ST MARTIN | vs | ADEGI HC | 29-32 | 2 | HANIKA (Court prep: St Martin Hanika) |
| | ADEGI HC | vs | GICUMBI HT | 26-45 | 2 | |
| | GICUMBI HT | vs | ST MARTIN | 38-22 | 2 | |
| **Date** | **Fixtures** | | | **Score** | **Pool** | **Venue** |
| Sunday 12.03.23 | ES KIGOMA | vs | UR HUYE | 30-30 | 3 | KIGOMANA (Court prep: ES Kigoma) |
| | UR HUYE | vs | APR HC | 24-49 | 3 | |
| | APR HC | vs | ES KIGOMA | 37-27 | 3 | |

MEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS

| RANK | TEAMS/CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | POLICE HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 224 | 94 | +130 | 12 |
| 2 | GICUMBI HT | 4 | 4 | 0 | 0 | 161 | 99 | +62 | 12 |
| 3 | APR HC | 4 | 3 | 0 | 1 | 157 | 114 | +43 | 10 |
| 4 | VISION JN | 4 | 3 | 0 | 1 | 146 | 154 | -8 | 10 |
| 5 | ADEGI | 4 | 2 | 0 | 2 | 132 | 151 | -19 | 8 |
| 6 | ES KIGOMA | 4 | 1 | 1 | 2 | 126 | 161 | -35 | 7 |
| 7 | UR HUYE | 4 | 0 | 1 | 3 | 134 | 161 | -27 | 5 |
| 8 | ST MARTIN | 4 | 0 | 0 | 4 | 109 | 166 | -57 | 4 |
| 9 | NYAKABANDA HC | 4 | 0 | 0 | 4 | 95 | 184 | -89 | 4 |

**2023 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL RESULTS (1ST DIVISION)**

WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIVISION 1

FIRST ROUND-DAY TWO RESULTS

| Date | Fixtures | | | Score | Pool | Venue |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Sunday 12.03.23 | KIZIGUROO SS | vs | TTC DE LA SALLE | 21-13 | 1 | TTC de la SALLE |
| **Date** | **Fixtures** | | | **Score** | **Pool** | **Venue** |
| Saturday 11.03.23 | GS KITABI | vs | UR RUKARA | 18-14 | 3 | KITABI (Court prep: GS Kitabi) |
| | UR RUKARA | vs | ISF NYAMASHEKE | 22-23 | 3 | |
| | ISF NYAMASHEKE | vs | GS KITABI | 15-17 | 3 | |

**TABLE STANDINGS AFTER DAY TWO**

WOMEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS

| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KIZIGURO SS | 3 | 3 | 0 | 0 | 74 | 18 | +56 | 9 |
| 2 | GS KITABI | 3 | 3 | 0 | 0 | 57 | 41 | +16 | 9 |
| 3 | ISF NYAMASHEKE | 3 | 2 | 0 | 1 | 70 | 68 | +2 | 7 |
| 4 | UR HUYE | 2 | 1 | 0 | 1 | 15 | 43 | -28 | 4 |
| 5 | TTC DE LA SALLE | 2 | 0 | 0 | 2 | 25 | 43 | -18 | 2 |
| 6 | UR RUKARA | 4 | 0 | 0 | 4 | 36 | 61 | -25 | 2 |
| 7 | UOK | 1 | 0 | 0 | 1 | 29 | 32 | -3 | 1 |





Taliki 11 na 12 Werurwe 2023 mu Karere ka Gicumbi habereye imikino y'icyiciro cya gatatu "Phase 3" muri shampiyona ya Sitting Volleyball " Sitting Volleyball Championship 2022-2023".

Nyuma y'iyi mikino hamenyekanye amakipe 4 mu bagore n'abagabo azakina icyiciro cya kare "Phase 4" ari nacyo cya nyuma taliki 06 na 07 Gicurasi mu Karere ka Gisagara.

Aya makipe ni Musanze, Bugesera na Gicumbi, Nyarugenge mu bagore ndetse na Gasabo, Gisagara, Musanze na Rusizi mu bagabo. Uburyo amakipe azahura, ikipe ya mbere izahura n'ikipe ya 4 iya 2 ihure niya 3 izitsinze zihurire ku mukino wa nyuma izitsinzwe zihatanire umwanya wa 3.

Umwaka ushize w'imikino iki gikombe cyegukanwe n'ikipe ya Gisagara mu bagabo na Bugesera mu bagore.

**Uko imikino y'icyiciro cya gatatu yagenze**



PHASE THREE

Venue: GICUMBI — DAY ONE

MEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| BURERA | 2-1 | KICUKIRO | (19-25,25-15,15-12) |
| RUTSIRO | 2-0 | RUBAVU | (25-23,25-19) |
| NYAMASHEKE | 0-2 | MUSANZE | (22-25,10-25) |
| NGOMA | 0-2 | GASABO | (16-25,8-25) |
| NYAGATARE | 2-1 | RWAMAGANA | (23-25,25-22,15-9) |
| KAYONZA | 2-1 | MUHANGA | (21-25,25-20,15-10) |
| GISAGARA | 2-0 | RUSIZI | (26-24,25-15) |
| KARONGI | 2-0 | KICUKIRO | (25-16,25-17) |
| RUHANGO | 0-2 | RUBAVU | (18-25,15-25) |
| BURERA | 1-2 | MUSANZE | (25-20,27-25,11-15) |
| RUTSIRO | 0-2 | GASABO | (8-25,13-25) |
| NYAMASHEKE | 0-2 | RWAMAGANA | (13-25,14-25) |

WOMEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| RUHANGO | 0-2 | RUSIZI | (14-25,14-25) |
| RULINDO | 2-0 | NYANZA | (25-13,25-16) |
| BUGESERA | 2-1 | MUSANZE | (23-25,25-18,13-15) |
| NYARUGENGE | 2-0 | GICUMBI | (25-22,25-21) |
| RUBAVU | 2-0 | RUSIZI | (25-18,25-18) |
| GAKENKE | 2-0 | NYANZA | (25-9,25-20) |
| RUHANGO | 0-2 | RULINDO | (9-25,18-25) |
| BUGESERA | 2-1 | GICUMBI | (25-13,24-26,15-5) |

Venue: GICUMBI — DAY TWO

MEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| KARONGI | 0-2 | MUSANZE | (20-25,18-25) |
| RUHANGO | 0-2 | GASABO | (15-25,9-25) |
| BURERA | 2-1 | RWAMAGANA | (22-25,25-20,15-7) |
| NYAMASHEKE | 2-0 | MUHANGA | (26-24,25-21) |
| NGOMA | 1-2 | KAYONZA | (25-17,19-25,6-15) |
| NYAGATARE | 2-0 | GATSIBO | (25-19,25-16) |
| GISAGARA | 2-0 | RUBAVU | (25-16,25-13) |
| RUSIZI | 0-2 | GASABO | (12-25,18-25) |

WOMEN RESULTS

| | | | |
|---|---|---|---|
| MUSANZE | 2-0 | RUSIZI | (25-11,25-12) |
| NYARUGENGE | 2-0 | NYANZA | (25-0,25-0) |
| RUBAVU | 2-1 | RULINDO | (25-22,18-25,15-9) |
| GAKENKE | 2-0 | RUHANGO | (25-18,25-5) |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official










# Cricket : Charity CC yegukanye "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023

Ikipe ya Charity CC ni yo yegukanye irushanwa "Dafabet RCA T10 Women's Tournament 2023" ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye na Dafabet.

Iri rushanwa ryatangiye taliki 04 rigasozwa 12 Werurwe 2023 ryari ryitabiriwe n'amakipe 5 asanzwe akina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagore ari yo White Clouds CC, Sorwathe CC, Indatwa Hampshire CC, Charity CC na Gahanga Queen's.

Aya makipe yose yakinnye hagati yayo aho taliki 11 na 12 hakinwe imikino isoza irushanwa yabereye Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga.

Imikino yabaye taliki 11 Werurwe 2023, ikipe y'Indatwa Hampshire yatsinze Gahanga Queens , Charity CC itsinda Indatwa Hampshire nyuma iyi kipe ya Charity CC itsinda Sorwathe CC.

Iyi mikino y'amajonjora yasojwe ikipe ya Indatwa Hampshire CC na Charity CC ari zo ziyoboye urutonde n'amanota 6 aho zagombaga gukina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Charity CC yitwaye neza itsinda Indatwa Hampshire CC amanota 80 kuri 78.

Ikipe ya Charity CC yegukanye igikombe inahabwa ibihumbi 500 by'amafaranga y'u Rwanda naho Indatwa Hampshire CC ihabwa ibihumbi 250.

Hahembwe kandi abakinnyi bitwaye neza muri iri rushanwa, Ikuzwe Alice (Sorwathe CC) ni we wabaye umukinnyi warushije abandi gukina mu kibuga "Best Filder", Bimenyimana Marie Diane (Charity CC) ni we warushije abandi gutera agapira "Best Bowler", Awino Kevin (Charity CC) ni we wahize abandi mu gukubita agapira ashaka amanota "Best Bat", Ishimwe Gisele (Indatwa Hampshire CC) yahembwe nk' uwatsinze amanota 6 inshuro nyinshi naho Mbabazi Janet (Charity CC) ahabwa igihembo cy'umukinnyi witwaye neza mu irushanwa ryose (MVP).

Nyuma yo kwegukana iri rushanwa, kapiteni w'ikipe ya Charity CC ndetse n'ikipe y'igihugu, Bimenyimana Marie Diane yatangaje ko muri rusange irushanwa ritari ryoroshye ariko bakinnye neza birinda amakosa bituma bitwara neza begukana igikombe.

Akomeza avuka ko iri rushanwa ryabafashije cyane kwitegura irushanwa ikipe y'u Rwanda izitabira muri Nigeria. Ati: "Iri rushanwa ryatweretse uko duhagaze, twarebye aho dukomeye ndetse n'ahari udukosa ku buryo tuzadukosora ubundi tukazitwara neza kuko dushaka kwisubiza igikombe."

Umuyobozi muri RCA ushinze iterambere ry'uyu mukino mu bagore, Uwimana Sonia yatangaje ko muri rusange irushanwa ryagenze neza kandi bishimira ko urwego rw'imikinire mu bakobwa rwazamutse.

Yakomeje avuga ko ryafashije abakinnyi kwitegura irushanwa ikipe y'u Rwanda izitabira muri Nigeria kandi intego ni ukongera kuryisubiza.

Iri rushanwa mpuzamahanga rizabera i Lagos muri Nigeria "NCF Women's T20 International Cricket Tournament 2023" kuva taliki 19 kugeza 26 Werurwe 2023. Amakipe 6 ni yo azitabira iri rushanwa ari yo Nigeria, u Rwanda, Ghana, Sierra Leone, Gambia na Cameroon. Ikipe y' u Rwanda ikaba ari yo yegukanye iri rushanwa ubwo riheruka umwaka ushize wa 2022.









# **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Kuva taliki 10 kugeza 12 Werurwe 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagore n'icya kabiri mu bagabo .

**Uko imikino yagenze**

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - WOMEN'S DAY 4 RESULTS

### FIRST LEG

FRIDAY 10/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| REG BBC | 150-43 | UR HUYE BBC |

SATURDAY 11/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| UR KIGALI | 30-100 | RP IPRC HUYE |
| GS MARIE REINE | 52-38 | THE HOOPS RWA |
| APR BBC | 116-26 | GS GAHINI |

SUNDAY 12/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| GS MARIE REINE | 86-38 | UR HUYE BBC |
| UR KIGALI | 36-54 | GS GAHINI |
| APR BBC | 80-71 | RP IPRC HUYE |
| THE HOOPS RWA | 37-74 | REG BBC |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 WOMEN D1 | ROUND 1 RANKING 12/03/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 3 | 3 | 0 | 0 | 6 | 364 | 98 | 266 |
| 2 | APR BBC | 3 | 3 | 0 | 0 | 6 | 216 | 97 | 119 |
| 3 | RP-IPRC HUYE BBC | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 241 | 160 | 81 |
| 4 | GS MARIE REINE BBC | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 188 | 146 | 42 |
| 5 | THE HOOPS RWA | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 127 | 165 | -38 |
| 6 | GS GAHINI BBC | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 119 | 204 | -85 |
| 7 | UR KIGALI BBC | 3 | 0 | 3 | 0 | 3 | 84 | 294 | -210 |
| 8 | UR BBC | 3 | 0 | 2 | 1 | 2 | 81 | 256 | -175 |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2 DAY 12 RESULTS

### FIRST LEG

SATURDAY 11/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| KICUKIRO BUCKETS | 54-65 | THE HOOPS |
| KEPLER BBC | 66-45 | REBERO BB ACADEMY |
| SPARTANS | 40-64 | WIBENA |
| UK BBC | 50-163 | KARONGI BBC |
| INTARE | 59-61 | ITS KIGALI |
| BLACK THUNDERS BBC | 41-56 | FLAME |
| UR HUYE | 54-75 | INSPIRED GENERATION BBC |
| ELITE | 87-65 | UR KIGALI |

SUNDAY 12/03/2023

| | | |
|---|---|---|
| THE HOOPS | 62-80 | INTARE |
| WIBENA | 70-37 | BLACK THUNDERS BBC |
| KICUKIRO BUCKETS | 53-72 | RUSIZI BBC |
| UR KIGALI | 59-69 | ITS KIGALI |
| FLAME | 44-56 | KEPLER BBC |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 12/03/2023 - GROUP A

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RUSIZI BBC | 8 | 8 | 0 | 0 | 16 | 617 | 464 | 153 |
| 2 | ITS KIGALI BBC | 8 | 6 | 2 | 0 | 14 | 555 | 476 | 79 |
| 3 | KARONGI BBC | 8 | 5 | 3 | 0 | 13 | 573 | 433 | 140 |
| 4 | INTARE BBC | 8 | 5 | 3 | 0 | 13 | 518 | 459 | 59 |
| 5 | THE HOOPS | 8 | 5 | 3 | 0 | 13 | 560 | 505 | 55 |
| 6 | KICUKIRO BUCKETS | 8 | 3 | 5 | 0 | 11 | 440 | 448 | -8 |
| 7 | ELITE BBC | 8 | 2 | 6 | 0 | 10 | 516 | 513 | 3 |
| 8 | UR KIGALI BBC | 8 | 2 | 6 | 0 | 10 | 478 | 533 | -55 |
| 9 | UK BBC | 8 | 0 | 8 | 0 | 8 | 352 | 778 | -426 |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 12/03/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KEPLER BBC | 8 | 8 | 0 | 0 | 16 | 599 | 398 | 201 |
| 2 | INSPIRED GENERATION | 8 | 7 | 1 | 0 | 15 | 641 | 397 | 244 |
| 3 | FLAME BBC | 8 | 6 | 2 | 0 | 14 | 539 | 446 | 93 |
| 4 | AZOMCO BBC | 8 | 4 | 4 | 0 | 12 | 454 | 522 | -68 |
| 5 | WIBENA BBC | 8 | 4 | 4 | 0 | 12 | 527 | 480 | 47 |
| 6 | UR HUYE BBC | 8 | 3 | 5 | 0 | 11 | 528 | 547 | -19 |
| 7 | REBERO BB ACADEMY | 8 | 2 | 6 | 0 | 10 | 364 | 477 | -113 |
| 8 | BLACK THUNDERS BBC | 8 | 2 | 6 | 0 | 10 | 386 | 530 | -144 |
| 9 | SPARTANS BBC | 8 | 0 | 8 | 0 | 8 | 323 | 564 | -241 |

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave